Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyaruguru
Akarere ka Gakenke

# IKINYAMAKURU CY'AKARERE KA GAKENKE

Nyakanga-Nzeri, 2025

*Igihembwe cya mbere*

## INKURU NYAMUKURU

### Umusozi wa Kabuye, Umwe mu bice nyaburanga ukwiye gusura mu Karere ka Gakenke

Kabuye ni umwe mu misozi miremire kandi myiza itatse u Rwanda, ukaba uhishe amateka yaba ay'Ubwami (Gihanga n'Umukobwa we Nyirarucyaba) n'amateka y'urugamba rwo Kubohora u Rwanda.

Soma >>Page 3




### GAKENKE: WORLD VISION YASHIMIWE URUHARE YAGIZE MU GUHINDURA ITERAMBERE N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gakenke bwashimiye Umuryango World Vision ku mpinduka zigaragara mu iterambere n'imibereho myiza y'abaturage b'Akarere binyuze mu bikorwa by'umishinga wayo umaze imyaka 17 ukorerwa mu Mirenge ya Cyabingo na Kivuruga .

Some Page >> 6




### Akarere ka Gakenke kaje ku mwanya wa Gatatu mu kwita kuri serivisi z'irangamimirere

Akarere ka Gakenke kashyikirijwe igikombe cyo gushimira abaturage n'abayobozi bako ko kaje ku mwanya wa Gatatu mu Gihugu, mu mitangire ya serivisi z'Irangamimerere.

Soma Page >> 8



### Ubuhinzi bw'inanasi bwahinduye imibereho ya Ndagijimana Théogène

**Ndagijimana Théogène wo mu Mudugudu wa Karuganda, Umurenge wa Gakenke, yahinduye isambu ye yari iteyemo ishyamba ritamuhaga umusaruro, ayihingamo inanasi, umusaruro wazo uruta uwo yakuraga mu ishyamba.**

Soma >>Page 4



### Akanyamuneza ku bafatanyabikorwa bitabiriye imurikabikorwa ry'Akarere ka Gakenke

**Abafatanyabikorwa bitabiriye Imurikabikorwa ry'Akarere ka Gakenke bagaragaje ko baryishimiye kuko ryabaye urubuga rwo kumenyekanisha ibikorwa byabo no kuganira n'abaturage, ndetse no gukemura ibibazo birebana na serivisi batanga.**

Soma >>Page 4



# Intangiriro

Iki Kinyamakuru gikubiyemo inkuru n'ibikorwa byabaye mu Karere ka Gakenke mu gihembwe cya Mbere cy'Umwaka w'ingengo y'Imari wa 2025/2026.

Akarere ka Gakenke ni kamwe mu Turere dutanu tugize Intara y'Amajyaruguru y'u Rwanda. Gatuwe n'Abaturage 389 110, muri bo, Abagore ni 196, 512 (50.5%), Abagabo ni 192,598 (49.5 %). Muri aba baturage bose, urubyiruko rukaba rugize 30.2% by'abatuye aka Karere.

Ubuhinzi ni wo mwuga ukorwa ukanatunga abaturage benshi mu Karere ka Gakenke, aho abasaga 92.8% by'abagatuye bose ari abahinzi.

Akarere ka Gakenke kazwiho guhinga no kweza kawa ifite umwihariko mu buryohe ariko bitewe n'imiterere yako, gakunze kugirwaho ingaruka n'ihindagurika ry'ibihe bikagira ingaruka ku baturage.

## Bimwe mu bipimo wamenya ku Karere ka Gakenke (Nyakanga-Nzeri 2026)

↪ Imirimo yahanzwe: Hahanzwe imirimo 1,000 ibyara inyungu, igamije kongera amahirwe yo kubona akazi ku baturage

↪ Ubwisungane mu Kwivuza (Mutuelle de Santé): Ubwisungane bwari bugeze ku gipimo cya 100.6% by'abaturage bakoresha ubwisungane mu kwivuza, bari bamaze kwishyura umusanzu wabo mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2025/2026

↪ Kwegerezwa Amashanyarazi: Imiryango 200 mishya yari imaze kugezwaho amashanyarazi, mu rwego rwo guteza imbere imibereho myiza n'iterambere ry'abaturage.

↪ Ibikorwaremezo by'Ubuzima: Gusana Ikigo Nderabuzima cya Muhondo byari bigeze ku rwego rwa 79%.

↪ Kwegerezwa serivisi z'Imari: Abaturage 880 bari bamaze kubona serivisi z'imari zibafasha gutangiza imishinga ibyara inyungu (IGAs)

↪ Ubumenyi mu Ikoranabuhanga: Abaturage 18,200 bafite imyaka 15 kuzamura bari bamaze guhabwa amahugurwa ku bumenyi bw'ibanze mu ikoranabuhanga, hagamijwe kubongerera ubushobozi mu gukoresha ikoranabuhanga mu mibereho ya buri munsi.

↪ Ibikorwaremezo by'Ubutegetsi: Imirimo yo gusana Ibiro by'Umurenge wa Karambo yari igeze ku rwego rwa 75%.

# Ubukungu

## Mount Kabuye: A Must-Visit Tourist Destination in Gakenke District

Umusozi wa Kabuye ufite ubutumburuke (altitude) bwa Metero 2,700 uvuye ku nyanja. Ni umwe mu misozi ifite ubwiza n'amateka byihariye mu Rwanda. Uhuza ubwiza nyaburanga n'umuco nyarwanda, uhereye ku bihe by'Umwami Gihanga kugeza ku rugamba rwo kubohora Igihugu.

Kuva muri Santere ya Gakenke werekeza ku gasongero kawo, uzamuka urugendo rusaga 9Km aho ugenda witegereza imisozi y'ibirunga n'ibiyaga bya Burera na Ruhondo.

Umukerarugendo wasuye uyu musozi, nta matsiko atahana kuko ku bufatanye na "Beyond the Gorillas Experience Company", basobanurirwa amateka n'ibice Nyaburanga bitandukanye biri mu Karere ka Gakenke .

Kuwa 01 Nyakanga 2025, Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Niyonsenga Aimé François, ari kumwe n'abahagarariye ibyiciro bitandukanye mu Karere basuye uyu musozi, banyurwa n'ibyiza biwutatse.








## Yavuye kuri 50,000 Frw agera ku bworozi bw'inkoko buteye imbere: Urugendo rwa Manizabayo Jean D'Amour

Ahereye ku mafaranga 50,000 Frw gusa n'amahugurwa yahawe na World Vision Rwanda, Manizabayo Jean D'Amour wo mu Murenge wa Kivuruga yahinduriwe ubuzima bwe n'umushinga w'ubworozi bw'inkoko. Yatangiriye ku nkoko 100, ubu afite ubworozi bw'inkoko buteye imbere, aho afite izisaga 1,000 n'imashini ebyiri zituraga amagi. Ubu afite inzu, ubutaka n'imitungo bifite agaciro gasaga miliyoni 10 Frw.

Ashishikariza urubyiruko kwizigamira, gushora imari mu mishinga itanga umusaruro no gukora cyane.



Binyuze muri gahunda y'imishinga World Vision yakoreye mu Karere ka Gakenke mu myaka 17 ishize, hakozwe ibikorwa bitandukanye byagize uruhare mu kuzamura imibereho myiza y'abaturage.

## Ubuhinzi bw’inanasi bwahinduye imibereho ya Ndagijimana Theogene

Ndagijimana Théogène wo mu Mudugudu wa Karuganda, Umurenge wa Gakenke, yahinduye isambu ye yari iteyemo ishyamba ritamuhaga umusaruro, ayihingamo inanasi, umusaruro wazo uruta uwo yakuraga mu ishyamba.

Avuga ko mu myaka isaga 10 amaze ahinga ku buso busaga ha 2,5 yakuyemo umusaruro ufatika wamufashije kubaka inzu igezweho, atangira ubworozi ndetse aha akazi abakozi batandatu, bunamufasha kurihira ishuri abana be.

Inanasi ni kimwe mu bihingwa bimaze kubaka izina mu Karere ka Gakenke kandi byahinduye imibereho y’abazihinga. Imwe igurwa amafaranga ari hagati ya 300-400Frw mu gihe cy’isarura. Mu Karere habarurwa abahinzi bazo babigize umwuga basaga 1900.



Ndagijimana Théogène wo mu Mudugudu wa Karuganda yinjiza asaga 800 000Frw mu gihe cy’isarura ry’inanasi



## Gakenke hatashywe ikusanyirizo ry’amata rizatunganya Litiro 5,000 ku munsi

Ku wa 10/07/2025, mu Karere ka Gakenke hatashywe ku mugaragaro ikusanyirizo ry’amata rifite ubushobozi bwo kwakira litiro 5,000 ku munsi. Riherereye mu Murenge wa Ruli, aho ryubatswe muri gahunda ya CDAT igamije guteza imbere ubuhinzi n’ubworozi.

Ku bufatanye bw’ikigega giteza imbere imishinga mito n’iciriritse (BDF), Koperative Dukunde Kawa Musasa ishinzwe imicungire y’iri kusanyirizo yahawe amahugurwa agamije kunoza imikorere, kuzamura ubuziranenge bw’amata no kongera inyungu z’aborozi.



Ryatashywe Ku wa 10 Nyakanga 2025

## Gakenke: Hatangijwe Igihembwe cy'ihinga cy'umwaka wa 2026 A hanatahwa Isoko ry'imboga n'imbuto rya Masha





Ku wa 17 Nzeri 2025, DUHAMIC-ADRI na CARE International Rwanda, binyuze mu mushinga Kungahara Project, bifatanyije n'abaturage, abayobozi b'Akarere ka Gakenke n'abahagarariye Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Iterambere ry'Ubworozi n'Ubworozi (RAB), mu gikorwa cyo gutangiza igihembwe cy'ihinga cya 2026 A.

Muri icyo gikorwa kandi banatashye ku mugaragaro Isoko ry'imboga n'imbuto rya Masha mu Murenge wa Cyabingo, ryubatswe binyuze mu mushinga Kungahara uterwa inkunga n'Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi, Ikigo cy'Iterambere cy'Austria (ADA) na CARE Austria, ugashyirwa mu bikorwa na CARE International Rwanda mu bufatanye na DUHAMIC-ADRI.

Iri soko rishya ritegerejweho kongera uburyo abahinzi bageza umusaruro ku isoko, kunoza uburyo bwo kubika no gutunganya umusaruro, kwiteza imbere no guteza imbere imiryango yabo binyuze mu bucuruzi bw'imboga n'imbuto bitunganijwe mu buryo burambye.

# Imibereho myiza

## GAKENKE: WORLD VISION YASHIMIWE URUHARE YAGIZE MU GUHINDURA ITERAMBERE N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE









Ubuyobozi bw'Akarere ka Gakenke bwashimiye Umuryango World Vision ku mpinduka zigaragara mu iterambere n'imibereho myiza y'abaturage b'Akarere, binyuze mu bikorwa by'umushinga wayo umaze imyaka 17 ukorerwa mu Mirenge ya Kivuruga na Cyabingo. Ibirori byabaye ku wa 21 Kanama 2025.

Umushinga wagaragaje ibikorwa bifatika byazanye impinduka mu mibereho myiza y'abagenerwabikorwa n'abaturage muri rusange nk'uko byagarutsweho mu buhamya bw'abafashijwe n'uyu muryango mu bikorwa bigamije iterambere n'imibereho myiza y'abaturage.

Binyuze muri iyi gahunda mu Mirenge ya Cyabingo na Kivuruga, hakozwe ibikorwa bitandukanye byagize impinduka zigaragara mu byiciro bitandukanye birimo isuku n'isukura, uburezi no kwita ku bana, kurwanya imirire mibi, iterambere ry'ubuhinzi n'ubworozi n'ishoramari mu bikorwa remezo byashowemo asaga Miliyari 13Frw.

Umuyobozi w'Akarere, Madamu Mukandayisenga Vestine yavuze ko gusoza uyu mushinga ari intangiriro nshya y'inzira y'iterambere binyuze mu bikorwa World Vision yakoze.

Guverineri, Bwana Mugabowagahunde Maurice yashimye ubufatanye bwaranze Akarere n'uyu mushinga, asaba gukomeza kubungabunga ibyo wagejeje ku baturage.

# Gakenke: Rotary Club Kigali Virunga yafashije imiryango 1,000 itishoboye kubona ibirimo ibiryamirwa

Imiryango 1000 itishoboye yo mu Mirenge ya Gakenke na Muyongwe yahawe ibikoresho by'ibanze mu rugo birimo matelas, ibyo kwiyorosa, imyenda ya siporo y'abanyeshuri na supaneti.





Ni ibikoresho byatanzwe na Rotary Club Kigali Virunga ku wa 14 Kanama 2025, iki gikorwa cyitabiriwe na Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Bwana Mugabowagahunde Maurice n'Umuyobozi w'Akarere, Madamu Mukandayisenga Vestine.

Abahawe ibi bikoresho bashimiye Rotary Club Kigali Virunga yabitanze, bavuga ko bigiye kubunganira mu bushobozi bucye bari bafite bwo kugura ibikoresho abagize imiryango yabo.

# Gakenke: Amashuri yahize ayandi mu bizamini bisoza umwaka w'amashuri wa 2024-2025 yarashimiwe

Akarere ka Gakenke kashimiye abayobozi yitwaye neza mu bizamini bisoza umwaka w'amashuri wa 2024-2025. Ibihembo byatanzwe ku wa 15 Nzeri 2025 mu nama y'uburezi yabereye kuri GS Nemba I, bigamije gushimira ubwitange bagaragaje mu kuzamura ireme ry'uburezi no kubashishikariza gukomeza gutanga umusaruro mwiza, banatera ishyaka andi mashuri kugira ngo nayo atere imbere.







Uyu muhango witabiriwe na Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Bwana Mugabowagahunde Maurice, ndetse n'Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke, Madamu Mukandayisenga Vestine.

Amashuri yashimiwe harimo: ES Cyabingo, Lycée St. Jérôme Janja, Janja TSS na GS Muramba. Hanatanzwe ibyemezo by'ishimwe ku bayobozi b'amashuri yatsindiye ku manota 100% ku nzego zose (P6, S3, S6 na L5).

# Gakenke: Urubyiruko rwasabwe kurangwa n'kinyabupfura no gukunda umurimo rutegura ejo hazaza heza harwa

Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu NIYONSENGA Aimé François, yibukije urubyiruko ko ari rwo mbaraga z'Igihugu n'icyizere cy'ahazaza, arusaba kwimakaza indangagaciro Nyarwanda, rwirinda imyitwarire mibi.

Ni ubutumwa yahaye abitabiriye igitaramo cy'urubyiruko n'ibirori byo gusoza gahunda y'Intore mu biruhuko ku wa 29 Kanama 2025, hazirikanwa insanganyamatsiko igira iti "Ubuzima bwiza, Agaciro kanjye"

Iki gitaramo cyanatumiwemo Umuhanzi Danny Nanone, maze urubyiruko ruhabwa umwanya wo kugaragaza impano zitandukanye rufite mu kuririmba, kubyina, gusetsa, imikino Njyarugamba n'izindi.





# Akarere ka Gakenke kaje ku mwanya wa Gatatu mu kwita kuri serivisi z'irangamimirere

Ku wa 12 Kanama 2025, Akarere ka Gakenke kashyikirijwe igikombe cyo gushimira abaturage n'abayobozi bako ko kaje ku mwanya wa Gatatu mu Gihugu, mu mitangire ya serivisi z'Irangamimerere. Cyatangiwe mu birori byo kwizihiza Umunsi Nyafurika w'Irangamimerere, ku rwego rw'Akarere wabereye mu Murenge wa Kivuruga, hazirikanwa insanganyamatsiko igira iti "Irangamimerere Rishingiye ku Ikoranabuhanga, Umusingi wa Serivisi Inoze kandi Itagira uwo Iheza".

Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Hon Batamuriza Mireille wari umushyitsi mukuru, yashimiye abaturage b'Akarere ka Gakenke uburyo bitabira serivisi z'Irangamimerere, avuga ko bifasha Igihugu mu Igenamigambi.





Umuyobozi w'Akarere, Mukandayisenga Vestine, yasabye abafite mu nshingano gutanga serivisi z'Irangamimerere kongeramo imbaraga Akarere kakisubiza umwanya wa mbere

## Akanyamuneza ku bafatanyabikorwa bitabiriye imurikabikorwa ry'Akarere ka Gakenke

Ku wa 22 Nyakanga 2025, Akarere ka Gakenke katangije ku nshuro ya 13, imurikabikorwa, rihuriza hamwe abafatanyabikorwa mu iterambere, abikorera bamurikira abaturage muri rusange ibyo bakora bigamije kuzamura iterambere n'imibereho myiza yabo.

Ubuyobozi bw'Akarere bwagarutse ku bikorwa Akarere kamaze kugeraho ku bufatanye n'abafatanyabikorwa birimo kuba ku isonga muri gahunda ya Ejo Heza, mu gutanga Mituwel no mu mitangire ya serivisi inoze.

Iri murikabikorwa ryabaye amahirwe ku baturage abafasha kumenya imishinga ikorerwa mu Karere mu gihe abamurika babonye umwanya wo kumurika no gusobanura ibyo bakora.

Abafatanyabikorwa bitabiriye Imurikabikorwa ry'Akarere ka Gakenke bagaragaje ko bishimiye kuko ryabaye urubuga rwo kumenyekanisha ibikorwa byabo no kuganira n'abaturage, ndetse no gukemura ibibazo birebana na serivisi batanga.








## Akarere ka Gakenke kemeje inyandiko ikubiyemo ingamba z'iterambere mu gihe cy'imyaka itanu 'DDS 2024–2029'

Akarere ka Gakenke kemeje inyandiko ikubiyemo ingamba nshya z'iterambere mu gihe cy'imyaka itanu(DDS 2024–2029), inyandiko ikubiyemo ibizitabwaho birimo: Iterambere ry'ibikorwa remezo, Kongerera ubushobozi abakozi, ubuhinzi, Ubukerarugendo n'Imiyoborere myiza.

Ni ingamba zijyanye n'icyiciro cya kabiri cya gahunda mbaturabukungu (NST2), Icyerekezo 2050 n'Intego z'Iterambere ritambye(SDGs), aho abaturage bose bazagezwaho amazi meza, amashanyarazi, ubuvuzi n'uburezi bufite ireme no gufasha urubyiruko n'abagore kwihangira umuriro.

Inama y'Inama Njyanama yo kwemeza DDS 2024-2025 y'Akarere ka Gakenke yabaye ku wa 25 Kanama 2025, aho yari iyobowe na Perezida w'Inama Njyanama, Bwana Mugwiza Telesphore.





# Uburinganire n’ubwuzuzanye: Inzira y’Iterambere ry’Umuryango mu Murenge wa Gashenyi



Musanabaganwa Marie-Françoise, Umukozi w’Umurenge wa Gashenyi ushinzwe irangamimerere na Notariya, avuga ko umuryango wasobanukiwe neza akamaro k’ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye, biwufasha kugera ku iterambere kuko uhuriza hamwe imbaraga kandi ukagendera kure amakimbirane.

Musanabaganwa yasobanuye ko ababyeyi be bari abahinzi ariko kubera kumva no gusobanukirwa akamaro k’ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye, bashyize hamwe baharanira iterambere ry’umuryango.

Ati “Kubera kumvikana no kumenya akamaro ka buri ruhande mu rugo, batureze neza twigirira umumaro, tugirira n’igihugu cyacu akamaro.”

Musanabaganwa Marie-Françoise avuga ko uburere bwiza ababyeyi be babatoje, bwababafashije gukura neza n’abana babakomokaho, bakababafasha gukuza impano zabo nta n’umwe usigajwe inyuma kubera ko ari umuhungu cyangwa ari umukobwa.

# Gushimira



**Mukandayisenga Vestine**
**Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke**

Mu gihe dusoza igihembwe cya mbere cy'Umwaka w'ingengo y'imari wa 2025-2026, ndashimira byimazeyo abaturage bose, abayobozi b'inzego z'ibanze n'abafatanyabikorwa b'Akarere ka Gakenke, ku bw'umuhate n'ubwitange mukomeje kugaragaza mu iterambere ry'Akarere kacu. Umusanzu wanyu mu burezi, ibikorwa remezo, Kongerera ubushobozi urubyiruko, abakobwa n'abagore Imiyoborere myiza, kubungabunga ibidukikije ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage, watumye tugera ku bikorwa by'indashyikirwa.

By'umwihariko, ndashimira abarimu, abanyeshuri, abakozi ba Leta n'abayobozi b'inzego z'ibanze ku ntsinzi n'ibikorwa byiza bagezeho, bigaragaza icyerekezo duhuriyeho cy'Akarere kagerageza gutera imbere kandi gashyize umuturage ku isonga.

Nidukomeze gufatanya twunze ubumwe nta kabuza tuzagera ku ntego zisumbuye mu mezi ari imbere.

Iki Kinyamakuru cyateguwe

na:

NSENGIMANA Evariste,

Umukozi w'Akarere ka Gakenke ushinzwe Inozabubanyi, Itangazamakuru n'Itumanaho

Cyakosowe

na:

NIYONSENGA Aimé François,

Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu


CONTACTS:

Telephone: 0788972522

Email:

nsengimana.evariste@gakenke.gov.rw